Nuba wubamye ujye ushyira hasi ibiganza, hanyuma uzamure inkokora zawe

Hadith yaraturutse kwa Al Bara-u (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Nuba wubamye ujye ushyira hasi ibiganza, hanyuma uzamure inkokora zawe."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza uko amaboko y'umuntu wubamye aba ameze, aho agomba gushyira hasi ibiganza bye byombi intoki zifatanye kandi zireba Qiblat, hanyuma inkokora ze zikaba zishinze zidakora ku butaka kandi zitandukanye.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10927